

**BIKIRA MARIYA ABONEKERA ANATALIYA MUKAMAZIMPAKA  
I KIBEHO TARIKI YA 29-10-1983.**

Ibonekerwa ryatangiye hafi saa cyenda. Anataliya yari azi umunsi ariko ntiyari azi isaha Umubyeyi amubonekeraho. Igihe kigeze abiyumvamo nk'uko muza kumva aho abiyugira, nuko araza apfukama kuri rwa rutara babonekererwagaho.

Uwandika ibi mugiyeye gusoma yari ahibereye, kandi yabikurikiriye hafi.

Aho musanga utumenyetso dushushanyije gutya ===== mumenye ko ari ibitumvikana neza kuri cassette yafatiyeho ikiganiro Anataliya yagiranye n'Umubyeyi.

Ahanditse „IHINDURWA RYA CASSETTE“ ni ahantu hashobora kuba hari amagambo tutashoboye gufata mu gihe cassette yabaga ishize.

**Dore uko ibonekerwa ryagenze:**

- *Indirimbo: Turakuramutsa Mubyeyi w'Imana.*
- Ntabwo mwari mwabinsezeranyije. Ariko nk'uko mwari mwambwiye ko NIGERA NZABIMENYA, ISAHA YAGEZE NDABIMENYA.
- Mwari mwambwiye ko NZABIMENYA. Yageze NDABIMENYA.
- Nk'uko MWARAYE MUBINSOBANURIYE kandi MUKABA MWABIMBWIYE, ndacyabyibuka uko mwa =====.
- Yari yabanje kumbwira ko AMAGAMBO YANYU ASIGAYE ARI MAKEYA.
- Ndacyabyibuka.
- Turifuza kumva, ARI IBISHYA CYANGWA SE IBISANZWE.
- Nababwiye kenshi ko nta wanga inyongera.
- Ibyo mwatubwiye ntabwo mbizi niba twarabikurikije, bitewe n'uko NTAREBA MU MITIMA Y'ABANTU. Kandi nanjye nihereyeho ubwanjye, ntabwo ibyo mwansabye byose ariko nabikurikije.
- Mwambwiye ko TWIHUTA KUMVA, ariko GUKURIKIZA BIKABA BITUGORA.
- Ntabwo mukidusura cyane.
- Ntabwo nzi impamvu yabibateye, kubera ko mwigeze kumbwira ko MWIYEREKA UWO MUSHATSE N'IGIHE MUSHATSE N'ABO MUSHAKA. Ntabwo rero byambereye ikibazo cyane, bitewe n'icyo gisubizo mwari mwarampaye mbere kose.
- Birashoboka ko bamwe byababereyemo ikibazo, bakibaza IMPAMVU MUZA MUTINZE, kandi mbere kose, mwarakundaga KUDUSURA.
- NUBWO HARI ABABIKETSE KO MWATURAMBIWE, NGO AHUBWO ARI TWE TWABARAMBIWE, UBWONGUBWO BARIBESHYAGA.

- Mwambwiye kenshi ko ngo TUBARAMBIRWA; mumbaza ikibazo muvuga muti: “UKO MUNDAMBIRWA NANJYE MBARAMBIWE MWAMERA MUTE?”
- Narabyumvise.
- Mwambajije IMPAMVU DUHARARA. Narayibasobanuriye uko nabyumvaga.
- Nabasobanuriye ko impamvu mu nsi duharara, ari ukubera ko IYO HADUTSE IKINTU GISHYASYHA TWIHUTIRA KUGIHARARA, TUKUMVA KITADUCIKA, TUKAKIGIRIRA URUKUNDO RUKOMEYE. ARIKO IYO KIMAZE IGIHE KININI CYANE, TURAGIHARARUKWA. CYANGWA SE MURI ICYO GIHE TWAGIHARAYE, HAZAMO AKANTU KITURAMO KATATUMEREYE NEZA, BIGATUMA TUGIHARARUKWA.
- Mwambwiye ko NATWE TWABAHARAYE.
- Mwambajije muti: “ESE KO MURI IYI SI MUHARARA KUBERA KO IKINTU KIBABEREYE AMASO, HANYUMA MUKAGIHARURUKWA, KUBERA KO KIMAZE KUBARAMBIRA, BITEWE N’IBIBI BIKIJEMO, UTI JYEWE KUKI MWAMPARAYE MUKAMPARURUKWA KANDI NTA KIBI NIGEZE MBAKORERA! UTI KUKI MUNDAMBIRWA, HARI N’UMWE WAMPAMAGAYE?”
- Uwo muni isomo mwampaye, mwambwiye ko NTAGOMBA GUHARARA. ARI MU BYEREKEYE.., CYANE CYANE ARI MU BYEREKEYE ROHO YANJYE.
- Ndacyabyibuka.
- Mwambwiye ko TUGOMBA KUMVA IBYO MWATUBWIYE, TUKAGERAGEZA KUBISUBIRAMO, TUKUMVA ICYO MWIFUJE, TUKUMVA IBINTU BYOSE MWAGIYE MUDUSABA GUKURIKIZA TUKUMVA UKUNTU TUBIKORA, N’UKUNTU TUBIKURIKIZA.
- Mwambwiye ko MUTAZANYWE N’UBUSA; ARIKO TUGOMBA KWITA CYANE CYANE KU MURIMO WO **GUSENGA**, KU MUGENZO MWIZA W’**URUKUNDO**, KU MUGENZO MWIZA W’**UBWIYOROSHYE**, NO KU MUGENZO MWIZA WO **KWICISHA BUGUFI**.
- NI TWEBWE MWAJE MUSANGA.
- Ntabwo twari tuzi ko MUSHOBORA KUTUGENDERERA.
- Nta na rimwe twari tuzi UBUTUMWA MUSHOBORA KUTUGEZAHO.
- KUBA TURAMBIRWA CYANGWA SE TUGASHIDIKANYA, CYANGWA SE TUKINUBA, NI UKUBERA INTEGE NKEYA KANDI NO KUBERA KO TURI IBICUCU.
- Mwakunze kutubwira ko **ISI IMEZE NABI**, TUGOMBA KUYISABIRA KENSHI; TUGAFATANYA KUGIRA NGO DUSHOBORA **GUKIZANYA**.
- NA N’UBU MUMBWIRA KO **ISI IKIMEZE NABI**.
- NTABWO IRAKIRA.

- Ibyo mwambwiye byose ni ibishobora kuyikiza.
- Mwambwiye ko TUTAGOMBA **GUPFUKIRANA IBISHOBORA KUDUKIZA.**
- TUZAKIRA DUKURIKIZA UGUSHAKA KWANYU.
- Na n'ubu NTA RINDI JAMBO, MUKOMEZA GUSUBIRAMO RITARI **UKWICUZA ?**
- Turivuga kenshi inshuro nyinshi, mbese uko bidushobokeye kwose turarivuga.
- Turavuga tuti: „NTUZADUHORE IBYAHA BYACU NK'UKO NATWE TUTABIHORA ABABITUGIRIRA“.
- Turarwicira. Imbabazi tuzigira uko bidushobokeye. Ubundi igihe kinini biratunanira, bitewe n'uko dufite intege nkeya.
- Rimwe na rimwe TURAMWIHANGANIRA, UBUNDI BIKATUNANIRA tukumva tutashobora kumwihanganira.
- Igihe cyose iyo nakosheje NUMVA NABABARIRWA.
- Ntabwo njya nifuza ko BAMPANA IGIHANO.
- KUBA IBYO NIFUZA NTABYIFURIZA N'ABANDI, NI UKUBERA UKWIKUZA, NI UKUBERA UKWIKUNDA.
- Ubundi byari bikwiriye ko mvuga nti: „NTUZAMPORA IBYAHA BYANJYE, NK'UKO NANJYE MBIHORA ABABINGIRIRA“, niko nari nkwiriye kuvuga.
- Iryo sengesho ryari ryiza kuko RIRI MU MPAMVU IMWE ITUMA., RYATUMA TWICUZA. ARIKO KUBERA KURIVUGANA UBURANGARE NO KURIVUGA TUTABIKUYE KU MUTIMA, NTABWO TUJYA TUHAZIRIKANA.
- Biterwa n'iby'isi; nibyo bidukurura, bikadushyira mu RWANGANO, bikadushyiramo AMATIKU, bikadushyiramo URUGOMO, mbese BIKADUKURAMO UMUTIMA W'IMANA.
- Ntabwo tuhabona.
- UKO MUTUBABARIRA NATWE TUBABABARIYE, BYABA BITUNGANYE NEZA.
- Oya ntabwo tujya tubitekereza.
- Jyewe numva bitugoye nubwo mvugaga ngo NTABWO BIGOYE.
- Haba iyo nk'ubu MUDUSABA GUKUNDANA, UMUNTU AGERAGEZA UKO ASHOBOYE, ARIKO NTABIGEREHO UKO ABYIFUZA.
- TUBUZE UMUTIMA UBYIFUZA! Akenshi ni wo usanga dusaba.
- Nibyo koko DUFITE UGUSHAKA KW'UMUTIMA BYOSE BYATUNGANA.

- Mwebwe se nyine ntimureba! Dufata igihe kinini cyo KUBIYEGURIRA, nyamara icyo gihe kinini cyose KIKADUPFIRA UBUSA.
- Ubundi tuba twabyifujije. Mureba ukuntu twirirwa dukubana n’ibyah, kandi tukagerageza kubitsinda, ariko bikatunanira. Akenshi rero mubona UKUNTU DUSHAKA KUBASANGA NO KURANGIZA UGUSHAKA KWANYU, ariko kubera ibintu biri mu nsi, bikatuzitira, TUKABURA INZIRA YO KUBEGERA.
- Hariho nk’uhera ku wa mbere, yivuruguta yivuruguta, kugira ngo ku cyumweru azabe amaze kubivamo, ariko bikamunanira.
- N’ubundi **UKURAMBIRWA NIKO KUTUBUZA IBYZA BYINSHI.**
- Uretse kwirirwa MUBISUBIRAMO INSHURO NYINSHI, tubona ko MUDUKUNDA BITEWE NUKO MWIRIRWA MUDUHAKIRWA IMINSI YOSE. KANDI MUKABA MWARAKOZE **URU RUGENDO RWO KUZA KUTUBURIRA**, MUTWEREKA INZIRA Y’UKURI, INZIRA ITUROKORA MU CYAHA, INZIRA ITUROKORA MU MWOBO UDUTEGANYIRIJE.
- Kwirirwa rero mubaza icyo kibazo ngo: “ESE KO MBAKUNDA MWE MURANKUNDA”? Ntabwo nagisubiza bitewe n’uko UREBA MU MITIMA YACU.
- Imibabaro waboneye kuri iyi si, ibyago wahagiriye byari bikwiye YUKO MUTAYIGARUKAHO; byari bikwiye YUKO MUTANAYIBUKA, mbese mwayisiga n’ibyago byose. Ariko rero AHANGAHA URUKUNDO RURAGARAGARA, KUBA MUKITWIBUKA MUKABA MWEMERA KUYIGARUKAHO MUZI IBYAGO N’AMAKUBA BIHARI. **IBYO NI URUKUNDO RURENZE.**
- Nta n’uwabishidikanyaho ko muri ABABYEYI BACU, bitewe nuko umwana asigara inyuma umubyeyi ntabashe gutambuka ADASUBIYEYO NGO AJYE KUMUZANA.
- Natwe turabasaba UMUTIMA UBAKUNDA, WUMVA NEZA URUKUNDO MUDUFITIYE, KUKO IGIHE CYOSE MUTADUKURAHU AMASO.
- AHO KUGIRA NGO HAZAZE IGIHE TUZABIFUZA NTITUBABONE, TUZIFUZA KUMVA ICYO MUTUBWIRA NTITUBYUMVE, TUZASHAKA KUBEGERA NTIBIDUSHOBOKERE, MUZATUBABARIRE.
- Mwarabitubwiye BYINSHI CYANE, mwarabitubwiye KENSHI CYANE.
- Amagambo mumaze kutubwira NTABARIKA KANDI NTABWO AGIRA INGANU. Uko yose rero muzayatubaza, ntabwo mbizi niba tuzashobora KUBISUBIZA.
- Ntabwo MWIVUGURUZA.
- Ntabwo MUHINDAGURIKA.
- IBYANYU IMPAMVU TUBIFATA NK’IBIKINISHO, BITERWA N’UBWENGE BUKEYA, NO KWIBESHYA, CYANE CYANE ARI IBY’ISI BIDUSHUKA.

- Iyo mumbwiye iryo jambo muvuga muti: “**BANA BANJYE NTIMUKAMBABAZE** “numva bimbabaje n’ukuntu nirirwa mbababaza buri munsu kandi IRYO JAMBO MURIVUGA ARI JYEWE URYUMVA.
- Mujye mukomeza mwihangane buhoro buhoro, ahari tuzajya twumva.
- Ahari icyo gihe mutubwira cy’uko MUBABAZWA NUKO HARI IGIHE TUZASHISHIKARIRA GUKURIKIZA IBYO MUTUBWIRA, KUBAKUNDA, KUBAKORERA, KUBUMVIRA NO KURANGIZA UGUSHAKA KWANYU, BITAGISHOBOTSE, BIRABABAJE CYANE. Numva iyo mwatumenyesha icyo gihe icyo ari cyo, kugira ngo BURI WESE AGERAGEZE KWITEGURA.
- Ndayazi, kandi sinshobora kuyibagirwa, bitewe nuko AREBA UMUBIRI, kandi nkumva AREBA NA ROHO nubwo MWANSOBANURIYE KO MWEBWE UMUBIRI NTACYO MUWUREBAHO, AHUBWO IGIHE CYOSE MUVUGURURA ROHO. Ntabwo nshobora kuyibagirwa.
- Ndabyibuka, ntabwo nshobora kubyibagirwa.
- **MURIYUHAGIRA**, ngo mwashakaga kutubaza NIBA DUSHAKA PENETENSIYA.
- Naho **MURABYUTSE**, ngo mwashakaga kutubaza NIBA DUSHAKA KUVA MU BY’IYI SI BITUMA.., BITUBUZA KUBAKURIKIZA.
- Naho **MURAKANUYE**, ngo mwashakaga kutubaza NIBA MURI MASO. KUKO HARI IBINTU BYINSHI MUTWEREKA NTIDUSHOBORE KUBIBONA.

(IHINDURWA RYA CASSETTE)

- Mwambwiye kandi ko BIKUBIYEMO UBUTUMWA BWANJYE BWOSE MWANGEJEJEHO.
- Muheruka.., kuba mwarambwiye ko MUZANSANGA MURI RUBANDA NYAMWINSHI, mwabimbwiye ku itariki 7 z’uku kwezi kwa 10.
- Duherukana kuri eshatu z’ukwezi kwa 9.
- Amwe n’amwe ndayibuka ariko andi sinyibuka.
- Jyewe igituma nyibuka, akenshi ntekereza, NGENDA NTEKEREZA KUVA IGIHE NAZIYE N’IBYO MWAMBWIYE N’ICYO MWASHAKAGA KUGERAHO, IBYO NSHOBOYE NKABIKURIKIZA, IBINDI BIKANANIRA.
- Ubundi yose nari nkwiye KUYIBUTSWA N’IBIKORWA NABA NKORA.
- Ibyo byo KUYAVUGA MU KANWA GUSA NTABWO BIHAGIJE KUKO AMAGAMBO YONYINE ATARI YO ATUNGA ROHO, AHUBWO IBIKORWA ARI BYO BIYITUNGA.
- Nibyo koko AMAGAMBO MEZA SIYO YANGEZA AHO MURI, AHUBWO NAHAGEZWA N’IBIKORWA BYIZA.
- Mu kwicuza se.., MU KWICUZA IGIKORWA NAKORA KUGIRA NGO KINYEMEZE KO NICUJJE, USIBYE KUBIVUGA MU MAGAMBO GUSA NI NKA GUTE?

- Nzi ko IYO TUGIYE GUSABA PENETENSIYA, MBANZA KWANGA IBYAHA BYANJYE, NK'UBU NKAGENDA NKABYIREGA, NKABYANGA RWOSE: NI IKI SE NAKORA KUGIRA NGO NUMVE KO IBYAHA BYANJYE BYAKIZE?
- Ni byo koko. Nta gihe TURISIBA; UWIBUTSE GUSENGA, UWIBUTSE KWAMBAZA, IGIHE CYOSE **ISENGESHO RYO KWIVUZA IBYAHA** ARARIVUGA. ARIKO KOKO IYABA UKO TURIVUGA ARI NA KO TWABIKUYE KU MUTIMA KANDI DUSHAKA KUBYANGA IGIHE CYOSE, **TWABA DUKEYE KU MUTIMA**.
- Ahongaho muvuga muti: "NTABWO DUKUNDA AMAGAMBO MEZA YONYINE, NTA BIKORWA BIYAHEREKEJE "MWAKUNZE KUBIMBWIRA CYANE CYANE NO MU NDIRIMBO CYANGWA SE MU YANDI MASENGESHO. Kuko mwaravugaga muti: "NTA NA RIMWE TWISHIMIRA UMUHOGO GUSA. KURIRIMBA URATA UMUHOGO NTACYO BIMAZE. AHUBWO INDIRIMBO IJYE IBABERA GUSINGIZA IMANA, KUYISABA, KUYISHIMIRA, BITEWE N'AYO MAGAMBO AYIGIZE, MUYAZIRIKANA ".
- Oya, akenshi mwakunze KUTWIBUTSA IBYO MWAGIYE MUTUBWIRA, IBYO SE TWUMVISE; BIRI MU BITABO BITAGATIFU. Nk'uko mwivugiye muti: "MUJYE MWITONDERA IJAMBO RIBABURIRA, ARI IBYO MUBWIRWA N'UMUNWA WANJYE, CYANGWA SE ARI IBYO MUSOMA MU BITABO BITAGATIFU ".
- Mwari mwambonekeye.
- Umwaka ushize, KURI UYU MUNSI, ibyo mwambwiye ni byinshi cyane.
- Ni byinshi.
- Ndibuka ko MWAKOMEJE KUDUSABA GUSENGA TUBISHYZEHO UMWETE, TUBISHISHIKARIYE. NI NABWO KANDI MWATUGIRIYE URUKUNDO RWO GUTANGIRA KUDUKIZA UBUMUGA BWA ROHO CYANGWA UBW'UMUBIRI.
- Mukoresha uburyo bwinshi.
- Nta n'umwe uretse mwebwe, nta n'undi umenya icyo undi atekereza, nkanswe mwebwe. Ntabwo rero dushobora kumenya IKIRI MU MUTIMA WANYU MUTARAKIDUSERURIRA NGO MUKITUBWIRE.
- IJAMBO MWATUBWIYE NI IRYA BURI GIHE, ubuzima bwacu bwose igihe tukiri hano mu nsi tugomba KURIKORESHA, TUKAGOMBA GUKURIKIZA IGISOBANURO MWADUHAYE, IJAMBO RITUYOBORA IGIHE CYOSE TUKARITEKEREZA, TUKARIKORESHA MU MIBEREHO YACU YA HANO MU NSI.
- NTABWO ARI TWESE GUSA, SI UBU GUSA.
- NTABWO ARI TWESE RIREBA TWENYINE.
- NTABWO ARI AMANJWE.
- Mwambwiye ko "UBUTUMWA ATARI UBW'UMUNTU UMWE KANDI ATARI UBW'IGIHE KIMWE ".

- Navutse nsanga hariho ijambo bavuga bati: “GUSENGA”, “KWAMBAZA”, “KURYA”, n’ayandi menshi cyane. Na n’ubu kandi aracyariho. Kuva menye ubwenge nasanze bavuga IMANA, kandi na n’ubu BARACYAYIVUGA.
- Iiii.
- Navutse nsanga BAMUVUGA, NDETSE NAMWE NASANZE BABAVUGA.
- Na n’ubu BARACYABAVUGA.
- Ndumva ko MUTAZIGERA MWIBAGIRANA.
- Nk’uko abyivugira “NTABWO RITEZE KUZIBAGIRANA NA RIMWE “. BITEWE N’UKO RITAZIGERA RIBURA, IGIHE CYOSE RIZABAHO.
- Ndabibona ko ARI UKUTWIBUTSA IBYO MWATUBWIYE.
- Mwambwiye ko IMPAMVU MUKUNDA KUTWIBUTSA IBYO MWATUBWIYE, NI UKUBERA KO TURI INDANGARE.
- N’ubundi icyo ni kimwe MU BYABAZANYE, CYO KUTWIBUTSA IBYO TWIBAGIWE.
- (Natariya araseka) NDABAKUNDA.
- Ntabwo ari ko tubigenza, bitewe n’iby’isi biturengaho, cyane cyane ni byo bituma tutanabakurikira.
- Ndazibona uko zimeze kose.
- Ni nziza.
- URURABO RUMWE NDUZI RWERA, URUNDI RURATUKURA.
- Byose nduzi ari byiza.
- Ku itariki ya 12/5 muri uyu mwaka, NYAGASANI YEZU YANSOBANURIYE IBY’UMUNSI MUKURU.
- YAMBWIYE KO TUGOMBA KWITONDERA IMINSI MITAGATIFU YANYU, TUKAYITEGURA DUSABA PENETENSIYA KANDI DUSENGA KURUSHAHO.
- Yambwiye kandi ko TUTAGOMBA KWIZIHIZA IMINSI MITAGATIFU YANYU MU ISAHA IMWE, NK’UKO TUBIGENZEREZA IMINSI MIKURU YO MU NSI.
- KURI IYO MINSI, YIFUJE KO NAJYA NAMBARA UMWENDA WERA, NGO KUGIRA NGO NSHOBORE KURINDA UMUTIMA WANJYE ICYAHA, NK’UKO NGERAGEZA KURINDA UMWENDA WANJYE WERA UMWANDA. Kuba rero yarabinyifujeho, numvise ko YIFUZA KO ROHO YANJYE IGIHE CYOSE NAGERAGEZA KUYISUKURA NK’UKO MBIGENZEREZA UMWENDA.

- Yarambwiye ati: “IGIHE WAMBAYE UMWENDA MUSHYA UJYE UKUBERA IMPAMVU YO KWIBUKA ROHO YAWE. N’IGIHE WAMBAYE UMWENDA MUBI UFITE UMWANDA UJYE UKUBERA IMPAMVU YO KWIBUKA ROHO YAWE”.
- Kuva igihe yabinsobanuriye, byatumye NKUNDA IBARA RYERA CYANE, mbese igihe cyose nkumva nanarigira, nkumva nanarireba, kugira ngo rimbere IMPAMVU YO KWIBUKA ROHO YANJYE KO YANDUYE.
- KU IBARA RITUKURA HO RERO, YARAMBWIYE ATI: “IBARA RITUKURA RIJYE RIKUBERA IMPAMVU YO KWIBUKA UMUTIMA WANJYE WATIKUWE ICUMU UKAVA AMARASO, KUBERA URUKUNDO NGUKUNDA”.
- Yarambwiye mu ijamba rimwe, ngo “IBARA RITUKURA RIJYE RIMBERA IMPAMVU YO KWIBUKA AMARASO YAMENEYE”.
- Abinyereka jyewe ntabwo natekerezaga ibyo ari byo, usibye ko yampaga igisobanuro nyuma.
- Uko yabimbwiye si ko nahereyeke mbyibuka igihe cyose, ngo nimbona ayo mabara mbitekereze. KERETSE IYO NABAGA NAHawe INGABIRE YANYU N’INEMA **BIBINYIBUTSA**. Kandi iyo umutima wanjye WABAGA WAGIYE MU BY’ISI, NTABWO NIGERAGA MBITEKEREZA NA RIMWE.
- Kenshi nk’amagambo yose mwambwiye , hari igihe koko NYAKORESHA MU BURYO MWIFUZA, ubundi igihe kinini NKAYAKORESHA MU BURYO MUTIFUZA.
- IZO NDABO ZERA N’IZO ZITUKURA, NIYO MPAMVU MUZINYERETSE.
- Ntabwo nari nkibiyitaho kubyibuka.
- NITUZIRIKANA AYO MABARA YOMBI, IGIHE CYOSE TUKAYEREKEZA KURI ROHO ZACU, NTA KIZATUMA TUTABANA NA MWE!!!
- Ko iwacu se dufite imyenda YERA, tukaba dufite n’iyindi myenda ITUKURA, mbese kenshi mu maso yacu tukaba tubona AYO MABARA YOMBI; mbasabye UMUTIMA WO KUJYA MUHITA MUTWIBUTSA, KUKO BIDUTERA KWIVUGURURA, GUSUKURA ROHO YACU, UKO BISHOBOTSE.
- Ndishimye.
- NTA NA RIMWE MUMPA INGERO ZINDENZE, KANDI N’IYO ZINDENZE, NDABASOBANUZA.
- Iyo mumbwiye amagambo NTUMVA, NDAYABASOBANUZA.
- Iyo muyansobanuriye, nanjye bakayambaza, nyabasobanurira uko mwayansobanuriye, mbitewe n’uko igisubizo mwampaye KITAJYA GIKUNDA KUNYIBAGIRA.
- Kuba se muza mutinze NIMWE MUBIGIRA MUBISHAKA?
- Kubera iki?
- NYAMARA AHUBWO BITUBERA IMPAMVU YO GUSUBIRA INYUMA.



- Muratureba koko! Ibitekerezo byacu byose muba mubireba, na MBERE Y'UKO TUBITEKEREZA MUBA MUREBA UMUGAMBI DUFITE; BYOSE MUBA MUBIREBA.
- NI UKO MUTAZANYWE NO GUKOZA ISONI ISI KOKO: UKUNTU DUTEKEREZA IBINTU BIBI, MUTUVUMBUYE BURI WESE MUKAGARAGAZA ICYO ATEKEREZA, UMUGAMBI AFITE, NTITWABONA IYO TUJYA!!!
- KUBONA UKUNTU ISI MUYIFITE MU NTOKI, MUKABA MUREBA IBIYIRIHO BYOSE, IBYIFUZO IFITE, NYAMARA MU BWENGE BWACU TUKUMVA KO NTA MUNTU UTUBONA, TUKUMVA KO NTA N'UMWE UTUZIYE IBITEKEREZO!!!

(IHINDURWA RYA CASSETTE)

- Ni menshi cyane koko.
- Binanira kubukurikiza nyamara NTA MANANIZA MENSHI MWANSHYIZEHO. NTA RURIMI NTUMVA MWIGEZE MUMBWIRA.
- NTA N'AMAHAME MASHYA MWIGEZE MUMBWIRA.
- Mwadusabye ko MURI UKU KWEZI TWAKUBAHIRIZA **TUKEGUKIRA ISHAPULE YACU, TUKABAMBAZA BURI MUNSI.**
- KU WO MWABIHAMAGARIYE, KU WO MWABIHEREYE INGABIRE, KU WO MWABIHEREYE INEMA, YARABITUNGANYIJE. KANDI UWO MWAKIJE IBY'ISI BIMUZITIRA, BITUMA UMUTIMA WE ATAWEREKEZA KURI MWEBWE, YARABITUNGANYIJE.

(Hakurikiyeho Ishapule. Natariya aduterera amibukiro yo kwishima. ishapule ayirangiza amaze kurarama cyane, koko, nkurikije uko muza kumva abisobanura, yamureberaga hejuru y'umutwe we). Ayirangije akomeza atya:

- Ndishimye.
- Nibyo byiza, niyo mpamvu tunifuza ko MWAJYA MUZA KENSHI KUKO MUTWIBUTSA IBYO ISI YATWIBAGIJE. KANDI MUKADUTERA IMBARAGA ZO KUBIKURIKIZA, MBESE ZO KUNESHA IBYATUZITIRAGA BYOSE.
- ARIKO SINZI IMPAMVU NONAHA MWAJE HEJURU YANJYE CYANE! KU BURYO NABAREBERAGA HEJURU Y'UMUTWE, MBESE NARI NDARAMYE CYANE!
- Iiii.
- **BURIYA SE NI BURIYA BURYO MWABONYE BWO KUBA NASENGA NTANEJEREJE UMUBIRI?**
- Iiii.
- NIBYO KOKO, IGICE KININI DUKUNDA **GUSENGA TWICAYE.**
- Kuri jyewe iyo NSENZE NICAYE UMWANYA MUNINI, NDARANGARA.

- Iiii. Ntabwo ari uburyo bumwe, iyo bumwe bunanije, mfata ubundi, ubundi bwaba bunanije ngafata ubundi. Ngahora mpinduranya.
- N'ubundi UMUTIMA NIWO TUBANZA GUTEGURA MBERE Y'UKO DUTANGIRA GUSENGA.
- Ubushize mwambwiye ko, „ISENGESHO RIGOMBA KUBA UMUTIMA WACU“.
- UKO NUMVA MWADUFASHA GUSENGA NEZA MU MASENGESHO YACU DUKORESHEJE UBURYO TUDASHIMISHA UMUBIRI CYANE, NTABWO NZI KO BYADUSHOBOKERA!
- Iiii.
- BYARI BYO, ariko kubera ko muri iyi si BAMWE TUMUGAYE, BIGATUMA TUTAPFUKAMA UMWANYA MUNINI, ABANDI TUKABA TURWAYE IMBAVU, CYANGWA SE N'INDI MYANYA Y'UMUBIRI, IKABA IBABARA, BITYO BIGATUMA TUDASHOBORA KWIBABAZA NK'UKO MUBYIFUZA, NTABWO NZIKO BYADUSHOBOKERA!
- Urareba UBUMUGA BWOSE BURI MURI IYI SI ukuntu ari bwinshi. kandi ababufite ni benshi cyane. MU BASENGA RERO, MU BAKWIBUKA, HARIMO BENSHI BAMUGAYE, BAKABA BATASHOBORA **KWIBABAZA** BITEWE N'UBWO BUMUGA BAFITE.
- NTA KIGERO CYO KWIBABAZA MWIGEZE MUMPA.
- NTABWO MWIGEZE MUMBWIRA KO **BIGOMBA GUHORAHO**. MWAMBWIYE KO BURI WESE, AFITE **GUSHAKA URUGERO RWE**, AFITE KUREBA ICYO YAKORA KUGIRA NGO ARANGIZE **UGUSHAKA KWANYU**. UMBWIRA KO MUREBA UMUTIMA TUBIGIRANA.
- IMPAMVU DUTINYA KWIBABAZA BITEWE N'UBWO BUMUGA DUFITE, tuba dutinya kuko tuvuga tuti DUKASHUYE IZO MVUNE ZACU, DUKASHUYE UBWO BUMUGA BWACU, NONEHO NTITWABYUKA, NTITWARANGIZA UMURIMO DUSHINZWE. Ibyo bigatuma rero **DUTINYA KWIBABAZA**.
- Oya. UWABIGIRA ABIGIRIRA MWEBWE, NTA NA RIMWE YABURA IMBARAGA ZO KURANGIZA, GUKURIKIZA NO GUKORA IBYO MWIFUZA.
- NTA N'UMWE **WARANGIJE UGUSHAKA KWANYU** NGO ABEHO NABI.
- Ariko n'ukuntu muvuga ngo: „NTABWO MWAZAMYWE NO GUHINDURA IMIBIRI MWAZANYWE NO GUHINDURA ROHO, CYANGWA SE NGO KUBA MUTUBONEKERA SIBYO BYADUHA IBYISHIMO KU MUBIRI, AHUBWO NI IBYA ROHO“, ndumva muri icyo gihe ubumuga bwacu tubukashuye, TUKIHANA, TUKIBABAZA NK'UKO MUBYIFUZA, ndumva byatuma TUTARANGIZA NEZA IMIRIMO YO KURI IYI SI. BIRASHOBOKA KO BYATUGIRIRA AKAMARO KURI ROHO, ARIKO GUTUNGANYA IMIRIMO Y'ISI, NTABWO BYAGABANUKA ?
- Ni byo, ubwo twari dukwiriye kubabaza ICYO TWAKORA kugira ngo dutunganye imirimo yanyu kandi dutunganye n'iyi mu nsi. Muzadutere umwete muduhe n'umutima MUSHYA, WO

KUMVA KO IBYO MWIFUJE BYOSE BITUREBA; BURI WESE BIMUREBA. NTITUKIVANGURE MU BUTUMWA BWANYU. Mujye mudufasha, IJAMBO MWATUBWIYE, ICYO MWIFUJE KO TWAKURIKIZA, TWESE ABO MU NSI TUJYE TWUMVA KO BITUREBA.

- Kuko kenshi turishuka, ugasanga tuvuga ngo BURIYA BUTUMWA SI JYE BUREBA, BITEWE N’UKO MEZE, BITEWE SE N’UKO NTABYUMVA. BURAREBA UWO BWAGEJEJEHO, BURAREBA URIYA WABWUMVISE, JYEWE NTIBINDEBA KUKO NTABYUMVISE. Muri iyi si twitwaza utuntu tudashobotse, twitwaza utuntu tudashyitse. IGIHE CYOSE, MU MVUGO YACU, USANGA BIVUGA NGO: „NTIBINDEBA“.
  - Mwambwiye ko „MWEBWE, MWAJE MUDUHA UBUTUMWA TWESE, UKO TUNGANA, TURI KU ISI“. Mumbwira ko “MUTIGEZE MUROBANURA NGO MUBWIRE UMWE, UNDI ASIGARE. KO IGIHE CYOSE MUTUBWIRIRA HAMWE, MUKADUSABA BIMWE“. MUMPA URUGERO MUVUGA KO „IMVURA IYO IGUYE, IGWIRA KU BEZA IKAGWIRA NO KU BABI. ARI ABAKENE, ARI N’ABAKIRE, BOSE IKABAGWIRAHO“.
  - Twese turabibasaba, kugira ngo UGUSHAKA KWANYU GUHORE KURANGIRIRA MURI TWEBWE. Ibyifuzo mwatugejejeho byose, mujye muduha KUBIRANGIZA, nk’uko NATWE TWIFUZA KO IBYIFUZO BYACU BYOSE BYARANGIZWA. BYARANGIRA MUKABISUBIZA.
  - IJAMBO MWAVUZE KO „UKO TWIFUZA KO TWAGIRIRWA NEZA NATWE TUJYE TUBYIFURIZA ABANDI“, MUJYE MURIDUKOMEREZA.
  - Ibi mwifuje ko „TWAKWANGA IBYAHA BYACU BURI MUNSI, TUKABISABIRA IMBABAZI, AMAGAMBO MEZA TUVUGA TUKANAYAGARAGARIZA MU BIKORWA BYIZA“, BYOSE IBYO MWATWIFUJEHO, mujye mubidufashamo tubitunganye. Kandi MWE MWIFUJE KO TWAGIRA UMUTIMA UCYEYE, IGIHE CYOSE, UMUTIMA WACU UKABAHIMBAZA NK’UKO DUHIMBAZWA N’IMYENDA YERA CYANGWA IBARA RYERA, nabyo mujye mubidufashamo, dushobore kubitunganya neza.
  - MWADUSABYE KO IGIHE CYOSE TWAZIRIKANA AMARASO YAMENEWE KU MUSARABA KUBERA TWEBWE, TUKABYIBUTSWA CYANE CYANE N’URUKUNDO TUBAFITIYE, TUKABYIBUTSWA CYANE CYANE N’URUKUNDO MWATUGIRIYE RWO KUTWIBUTSA BYINSHI TWIBAGIWE; mujye mubidufashamo, igihe cyose tujye TUBIZIRIKANA.
  - Mwebwe mutwifuriza AMAHORO YA BURI MUNSI, mukatwifuriza UBWUMVIKANE, mukadusaba URUKUNDO, mujye mudufasha dushobore kubikurikiza. UKO MUYATWIFURIZA NATWE TUYABIFURIZE.
  - MWE MUBONA IKIGIRA ISI NABI, MWE MUBONA IGITUMA ISI IHINDUKA, IKABA IMEZE NABI, KANDI MUKABA MUTUBWIRA UMUTI WAYIGIRA NEZA, UWO MUTI MUJYE MUWUDUKOMEREZA IGIHE CYOSE TUWUNYWE, KUGIRA NGO DUSHOBORE GUKIRA.
- (IHINDURWA RYA CASSETTE)
- ===== mukihutira KUTURAMIRA, mukihutira KUTUYOBORA INZIRA Y’UKURI, mukadutsindira INZIRA ITWOREKA, IBYO BYOSE MWATUGEJEJEHO TUBASABYE UMUTIMA WO KUBIKOMEZA.

- Kandi mwifuza ko IKINTU TUBONA CYADUKIZA, TUTAGOMBA KUGIPFUKIRANA; igihe cyose mujye mudutera umwete wo KWIBUKA IBYIZA BYOSE BIRIHO, BISHOBORA KUDUKIZA UBUMUGA BWOSE DUFITE. ARI UBWA ROHO CYANGWA UBW'UMUBIRI.
- Indirimbo: Mubyeyi w'Imana n'uwacu.
- Ndasabira abantu bose bifuza GUSOBANUKIRWA UBUTUMWA BWawe, nk'uko wivugiye uti: „NIMUSABE GUSOBANUKIRWA IBYO TUBABWIRA, KUKO HARIHO BENSHI BUMVA GUSA, ARIKO NTIBASOBANUKIRWE IBYO TUBABWIRA“.
- Nabo barahari BIFUZA KUMVA NEZA IBYO MUSHAKA KUVUGA, GUSOBANUKIRWA ICYO MUSHAKA KUBAGEZAHO.
- Hari n'abandi benshi bifuza GUKURIKIRA, ARIKO KUBERA IYI SI IFITE BYINSHI BITUZITIRA, bakaba bifuza =====.
- Barabasaba kandi IMBARAGA ZO GUTSINDA SHITANI, nk'uko mwabyivugiye muti: „NIMUNSABE IMBARAGA KUGIRA NGO MUSHOBORE GUTSINDA IKIBASHUKA CYOSE“.
- Hari n'abandi babasaba UKWIHANGANA kugira ngo bashobore KURANGIZA NEZA IBYO MWIFUZA nk'uko mwabyivugiye muti:“MUSABE UKWIHANGANA KUGIRA NGO MUSHOBORE KUBA MURI IYI SI MUGUTUNGANIYE“.
- ISI YOSE, IRIFUZA URUMURI RWawe, kugira ngo rushobore kubona neza INZIRA Y'UKURI, kugira ngo rushobore kubona neza ICYO MUTWEREKA, kugira ngo rusobanukirwe AMAGAMBO MUYIBWIRA. Nk'uko mwabyivugiye muti: „NIMUSABE URUMURI KUGIRA NGO RUSHOBORE KUBABONESHHEREZA NEZA INZIRA Y'UKURI“.
- Iii.
- Natangiye kubibona muri aya matariki ya nyuma ashize.
- Guhera kuri enye cyane cyane, no kuri eshatu:
- Iii.
- Iii!!!
- Uzagaruka ?
- NAHO SE MUZAMBWIRA IBINDI BISHYA, CYANGWA NI IBYO MWAMBWIYE MUZABA MUNYIBUTSA?
- Kuri 19 se z'uku? Cyangwa z'ugukurikira?
- Kuri 19 z'uku? Muzansanga hano se cyangwa ahandi?
- Naho se isaha ntabwo muyimenyeshya nk'uko mwabingenjereje ubushize?

- Iiii. Muzaza saa munani n'igice?
- Iiii.
- Hagati se y'iyu tariki n'uyu muni ntabwo muzagaruka?
- Ni uko imwe gusa ari yo mwamenyesheje.
- Iiii.
- Ndabyishimiye.
- Ubu se nk'uwambaza ati, KU ITARIKI YA 29 Z'UKU KWEZI, IBY'INGENZI UMUBYEYI YABA YARAKUGEJEHO NI NK'IBIHE? NAMUSUBIZA KO ARI IBIHE?
- Akenshi hari igihe umuntu avuga amagambo menshi, ariko kugira ngo ashobore kumvikana neza, akayavuga mu magambo makeya.
- IJAMBO RYANYU RYOSE NGOMBA KURYIBUKA.
- INEMA N'INGABIRE SE KO ARI IBYANYU, NI MWE MBIKESHA, NI MWE MUNTERA KUBYIBUKA IGIHE CYAOSE.
- NTA NA RIMWE NSHOBOA GUKOresha UBWENGE BWANJYE NGO NIBUKE IBYO TWAVUGANYE BYOSE NGO MBISHOBORE. IKINYIBUTSA NI INEMA N'INGABIRE ZANYU.
- Ntabwo utinda? Kubera iki?
- NIYO MWAVUGA RIMWE RYABA RIHAGIJE.
- Musa nk'aho mwabitumenyesheje. Igihe cyose muje TWUMVA KO TUGOMBA GUSIGIRWA UMUGISHA UKOMEZA KUTWIBUTSA, UKADUTERA IMBARAGA Z'IBYO MUBA MWATUGEJEHO.
- Ugukunda aragukunda, AGOMBA NO GUKUNDA IKIGUKOMOTSEHO.
- Igihe cyose turabyifuza.
- Mwambwiye ko NGOMBA GUKUNDA UMUGISHA IGIHE CYOSE KANDI NKAWIFURIZA N'ABANDI.
- Mu ndamutso yacu, iyo umuntu akubwiye ati: "GIRA UMUGISHA" cyangwa "URAGAHORANA UMUGISHA" wumva AGUHAYE BYINSHI, kandi wumva AKUBWIYE IJAMBO RYIZA CYANE.
- Kugira umugisha wumva ari UKUGIRA AMAHORO, wumva ari UKUGIRA ITUZE IGIHE CYOSE.

*(Hakurikiraho umwanya wo gusenga)*

- *Amasengesho abanjirijwe n'ikimenyetso cy'umusaraba:*

- *Iryo kwicuza ibyaha*
- *Dawe uri mu ijuru*
- *Ndakuramutsa Mariya*
- *Hubahwe*
- *Ku izina rya Patri...*

- Ntabwo mwigeze mukinubiza. NABABAJIJE IMPAMVU IYO MUGIYE KUDUHA UMUGISHA, MUBANZA KUMBWIRA NGASENSA. Ariko ntabwo mwigeze munubiza impamvu.
- Jyewe naratekereje ndabyumva.
- BITEWE N'IBINTU BYOSE MWAKOMEJE KUNGEZAHO. Ariko hariho n'undi WABYIBAZA AKABURA IGISUBIZO.
- Iiii; Iyo umuntu hano mu nsi., IYO UMUNTU AGIYE GUHABWA IKINTU GISHIMISHIJE, IGIHE CYOSE YITEGURA AKIBAZA UKO ACYAKIRA, AKIBAZA UKO AGIFATA, AKIBAZA UKO AZAGITUNGA, MBESE MURI UKO KUTARAKIBONA ABA YIBAZA IBINTU BYINSHI CYANE; aba yibaza ibintu byinshi cyane ATEKEREZA UKUNTU AZAGITUNGA.
- NAMWE NICYO MUBA MWASHATSE KUGERAHO!!!
- Ntabwo nkibyibuka, bitewe n'uko mbiheruka kera cyane.
- MWONGERE MUBINSUBIRIREMO.
- UYU MUGISHA WAVE, TUGIYE GUHABWA, UGUTERE IMBARAGA, UDUHE UBUTWARI, UTUMURIKIRE NEZA IBYO UTWEREKA, KANDI UDUSOBANURIRE ICYO TUBEREYEMO UBUIJI, UDUHE UBWITONZI MURI BYOSE, KANDI UDUHE UBUSHISHOZI, KUGIRA NGO DUSHOBORE KUBONA NEZA AHO ICYIZA GIHEREREYE, UDUTERE KWIHANGANA MU MIBABARO YACU, MU BYAGO TUBONA, MU MAKUBA YOSE TUGIRA HANO MU NSI, UDUTERE UKWIHANGANA GUKOMEYE, KUGIRA NGO INGORANE ZOSE TUBONERA MU MIRIMO YAVE, TUJYE DUSHOBORA KUYIHANGANIRA. UMUGISHA UTWIFURIZA IGIHE CYOSE UJYE UDUHA UMUTIMA WO KUWIFURIZA N'ABANDI. IBYIZA UDUHA UJYE UDUHA UMUTIMA WO KUBIHA N'ABANDI. UBUNTU UTUGIRIRA, UJYE UDUHA UMUTIMA WO KUWUGIRIRA ABANDI.
- WOVE UZA MURI IYI SI UKEMERA KUYITANGIRA, UKEMERA KUBABARA KUGIRA NGO DUSHOBORE GUKIRA, UKEMERA KUTURUHIRA UDUSHAKIRA UMUTI WADUKIZA UBUMUGA DUFITE, IYO NEZA UTUGIRIRA, UJYE UDUFASHA NATWE TUYIKUGIRIRE.

(Anataliya atanga umugisha wa Bikira Mariya abumbye ibiganza, abikoresha ikimenyetso cy'umusaraba aririmba ngo: "UMUGISHA WA BIKIRA MARIYA". Abiririmba inshuro 21, ahindukirira impande zose, ariko agenda yimuka gato). Amaze gutanga umugisha w'Umubyeyi akomeza atya:

- JYEWE NTA KINTU NABONA MBAHA; nta kindi nabakorera, nta kindi nabaha muri aka kanya cyabashimisha KITARI UKUBEGURIRA UMUTIMA WANJYE NGO MUWUHAZE

IMBARAGA NYINSHI, NGO MUWUHAZE UBUTWARI, BWO KURANGIZA NEZA IBYO MWANYIFUJEHO.

- Kandi mwe, IYO MUNYIFURIJE UMUGISHA, ndabasaba nanjye ngo nywifurize abandi NKURIKIZA IBYO MWIFUJJE.
- MWEBWE MWADUSABYE KUBABARIRANA, MUKADUSABA KWICUZA, MUKADUSABA GUKUNDANA, IBYO BYOSE MUBIDUKOMEREZE, KANDI MUDUHE IMBARAGA ZO KUBIKURIKIZA KUGIRA NGO UWO MUGISHA UGARAGARIRE MU BANTU BO MURI IYI SI.
- KUGIRA NGO ABANTU BANZE KUBAKUNDA, ABANTU BANZE KUBAKURIKIRA, ABANTU BANZE KUBUMVA, BITEWE N'IBY'ISI, BABONE KO TWABARUSHIJE IKINTU GIKOMEYE, TWEBWE ABO WIFUZA KO TWAGUSANGA.
- Nkuragije abantu BO MURI IYI SI, abantu bose, ABANTU IYO BAVA BAKAGERA, ARI UMUTO, ARI UMUKURU, bose ndabakuragije, KUGIRA NGO UJYE UHORA UBAGARURA MU NZIRA Yawe, KUGIRA NGO UJYE UHORA UBAKUBITA AGASHYI, UBEREKA INZIRA IKWIRIYE, UBEREKA ICYA NGOMBWA KIBAGIRIRA AKAMARO.
- Ibyifuzo byo muri iyi si ni byinshi cyane NTIBIGIRA INGANO, habe no mu myaka 1000 utwiyereka TUKAKUBONA N'AMASO, BYABA BITARASHIRA. Niyo mpamvu byose muri aka kanya MBIKURAGIJE kugira ngo UJYE UBISUBIZA UKO UBYIFUZA.
- NDABASABYE NK'UKO NAMWE MWANSABYE, ahasigaye TWESE NI UKURANGIZA GUSUBIZA IBIBAZO TWAHANANYE.
- NI UKUBAHA NAMWE MUKADUHA.
- Biranshimishije kuko MUNSABA NANJYE NKABASABA.
- Bitari ukugira intege nkeya, twifujije KUBAHA NK'UKO NATWE TWIFUZA KO MWADUHA.
- Indirimbo: Akira ibyifuzo byanjye byose (Bikira Mariya ni umubikira).
- Mwambwiye ko muzagaruka tariki ya 19/11 saa munani n'igice  
(IHINDURWA RYA CASSETTE)
- Amwe ndayibuka.
- Iiii. Hari n'abandi bose BAKUNTAHIJEHO, NGO N'UBWO BATAKUBONESHA N'AMASO, NGO ARIKO MUTAHE, NGO KANDI MUKOMEZE MUBAMURIKIRE, MUBATERE IMBARAGA **ZO GUKURIKIZA IBYO MWIFUZA.** 'Anataliya akora ikimenyetso cy'umusaraba)
- *Indirimbo: Bana ba mama ntimutangwe ibyiza. (Mubyeyi mwiza tuje kugushima)*

(BIRANGIRIYE AHA. ANATALIYA YITURA HASI MU GIHE YARI AKIRIRIMBA IYI NDIRIMBO).